**REPUBULIKA Y'U RWANDA**

**MINISITERI Y'UBURINGANIRE**
**N'ITERAMBERE RY'UMURYANGO**

# INYOBORABIGANIRO MU MUGOROBA W'IMIRYANGO

Kigali, Nzeri 2020

## I. INTANGIRIRO

Iyi nyandiko yateguwe kugira ngo itange amakuru arambuye ku buryo Umugoroba w'Imiryango (UWI) ukorwa, ingero z'ibiganiro bishobora kuganirwamo n'ifishi zifashishwa mu gukora raporo ya buri kwezi na raporo ya nyuma y'amezi 6 igaragaza impinduka mu miryango.

Kugira ngo UWI uzitabirwe n'abantu bose, mu kugena umunsi uzajya uberaho ; hagomba kuzirikanwa ko n'abakozi mu nzego za Leta, abayobozi, abikorera n'ibindi byiciro byose by'abantu bagomba kuwitabira. Abagize UWI bazatekereza udushya bashyiraho twazatuma nta muntu uzajya yifuza kuwusiba kugira ngo adacikanwa n'ibyiza bikorerwamo.

## II. IMIKORANIRE HAGATI Y'UWI INZEGO Z'IBANZE N'IZINDI NZEGO Z'ABAKORANABUSHAKE

### 2.1. Imikoranire y'UWI n'inzego z'ibanze

Inzego z'ibanze zifite inshingano yo gukurikirana imikorere y'UWI no kujya batumira Komite Nyobozi mu bikorwa bitandukanye byabo. Ni byiza kujya batanga ibisubizo kuri raporo bagezwaho na Komite Nyobozi y'UWI no gusubiza ibibazo baba bagejejweho kugira ngo habeho imikoranire myiza n'ubwuzuzanye hagati y'inzego. Umukuru w'Umudugudu ni byiza kwitabira UWI buri kwezi kugira ngo abere icyitegererezo abaturage ayobora mu kuwitabira, igihe atabonetse akabimenyesha Komite Nyobozi.

### 2.2. Imikoranire y'UWI n'izindi nzego z'abakoranabushake

Nk'uko mu mudugudu hagaragara inzego zitandukanye zifasha abaturage kurushaho kwitabira gahunda zitandukanye z'Igihugu, abahagarariye izo nzego zirimo abajyanama b'ubuzima, inshuti z'umuryango, urubyiruko rw'abakorerabushake, abayobozi b'amasibo, abahagarariye Inama y'Igihugu y'Urubyiruko, abahagarariye Inama y'Igihugu y'Abagore n'abahagariye izindi nzego zitandukanye, bazajya bitabira UWI kandi niba hari icyo bashaka kugeza ku bitabiriye UWI bazajya babimenyesha Perezida w'UWI mbere kugira ngo nawe abimenyeshe Komite yose bishyirrwe kuri gahunda. Mu nama y'UWI bazajya babagenera umwanya kugira ngo batange amakuru bifuza gutanga hagamijwe gukemura ibibazo babonye mu mudugudu.

Abahagarariye izi nzego nabo bashobora gutorerwa kujya muri Komite Nyobozi y'UWI baramutse bagaragaje ubushake.

## III. GUSHYIRAHO UMUKOZI UKURIKIRANA IMIKORERE Y'UWI

Umuyobozi w'Akarere n'Umuyobozi Nshingwabikorwa mu turere tugize Umujyi wa Kigali, agena Umukozi ku Karere uhabwa ibaruwa imwongerera inshingano yo gukurikirana imikorere y'UWI ku nshingano yari asanganywe akabishyira mu mihigo ye ya buri mwaka kandi akabitangira raporo buri kwezi n'ikindi gihe abisabwe. Azasaba kandi Umurenge n'Utugari kugena uwo mukozi kuri izo nzego.

## IV. AMAHURIRO Y'UMUGOROBA W'IMIRYANGO

Imigoroba y'Imiryango yo mu midugudu yose igize Akarere, ni ngombwa ko izajya ihura ikungurana inama. Niyo mpamvu hazabaho IHURIRO ku rwego rw'Akagari, ku rwego rw'Umurenge no ku rwego rw'Akarere.

- **Ihuriro ku rwego rw'Akagari** rigizwe n'abagize Biro ya Komite Nyobozi ya UWI baturutse mu midugudu yose igize Akagari hiyongereyeho ba Perezida ba Komite ngengamyitwarire muri buri UWI.. **Urugero**: Niba Akagari gafite imidugudu 6, ubwo Ihuriro ku rwego rw'Akagari rizaba rigizwe na (3x6) + 6 = abantu 24.

- **Ihuriro ku rwego rw'Umurenge** rigizwe na ba Perezida b'UWI baturutse mu Midugudu yose igize Umurenge n'uhagarariye ba Perezida ba Komite ngengamyitwarire muri buri Kagari( buri Kagari kazamutora). **Urugero**: niba Umurenge ufite imidugudu 20 n'utugari 4, ubwo Ihuriro ryo ku rwego rw'Umurenge rizaba rigizwe 20+ 4 = abantu 24.

- **Ihuriro ryo ku rwego rw'Akarere**, rizaba rigizwe n'abahagarariye UWI baturutse muri buri Kagari (buri Kagari kazatora uhagarariye Imigoroba y'Imiryango)n'abahagarariye Komite Ngengamyitwarire muri buri Murenge bazaba batowe mu Murenge n'abandi Akarere kagena. **Urugero**: Niba Akarere gafite utugari 34, n'imirenge 10; ni ukuvuga ko Ihuriro ryo ku Karere , rizaba rigizwe n'abantu 44 (34+10) kongeraho abandi Akarere kagena bashobora gutanga inama ku migendekere myiza y'UWI.

Ihuriro kuri buri rwego rihura rimwe mu mu mezi atandatu (6) n'ikindi gihe bibaye ngombwa habanje Ihuriro ryo ku Kagari, kuko buri Huriro riganira ku byagaragajwe n'Ihuriro ryo ku rwego rubanza.

## V. UBURYO BWO GUTANGA IKIGANIRO MU MUGOROBA W'IMIRYANGO

UWI wa mbere uzaganira ku by'ingenzi biranga umuryango ushoboye kandi utekanye (UUU) maze bagaragaze ishusho y'umudugudu wabo uko uhagaze muri buri nkingi (baseline) kugira ngo abagize umudugudu bafate ingamba zo gukemura ibibazo byagaragaye muri buri nkingi ku buryo nyuma y'amezi

atandatu (6) bazajya bisuzuma aho bageze babikemura bityo bazagaragaza impinduka zabaye mu mudugudu wabo.

Ku yindi Migoroba y'Imiryango, hatangwa ibiganiro byateganyijwe.

Mu UWI bashobora gutanga ibiganiro bigenewe urubyiruko bitewe n'insanganyamatsiko bashaka kubaganirizaho, ndetse n'ibiganiro bigenewe abana bitanzwe n'umuntu w'inararibonye mu kuganiriza urubyiruko/abana.

Mu gutanga ikiganiro hashobora kwifashishwa uburyo bukurikira :

- Ivumburamatsiko *hakoreshejwe inkuru nto, ibibazo, amashusho, indirimbo, umukino, …*
- Abitabiriye bahabwa umwanya wo kuvuga icyo *bakuyemo*;
- Kwinjira mu kiganiro nyirizina: ***Uyoboye ikiganiro asobanura ibyo yateguye ari nako aha umwanya ufite ikibazo cyangwa igitekerezo***;
- Gutanga umwanya ubyifuza akagaragaza icyamufashije no kubaza ibyo atasobanukiwe neza
- Kuvuga mu ncamake ibyavuye mu biganiro
- Gufata ingamba ku byaganiriweho
- Umukoro wo mu rugo**: *uyoboye asaba abitabiriye kuzagira icyo bakora ku bijyanye n'ingamba zafashwe, bakazabisangiza abandi mu mugoroba w'imiryango utaha***

**Icyitonderwa**:
Ikiganiro mu UWI ntikigomba kurenza iminota mirongo itatu (**30 min** ), mu gihe ibikorwa byose by'UWI bitagomba kurenza amasaha abiri.

***Icyongerwaho:*** *Nyuma y'Umugoroba w'Imiryango, abawitabiriye bashobora kwemeza ibindi bikorwa byakorwa muri buri nkingi nko gusurana, kuremerana, gufasha abatishoboye, guhana amafaranga mu kimina, kwerekana uko bategura indyo yuzuye, gukoresha igikoni cy'umudugudu, gukora umuhanda, kugenzura ibyagezweho mu mudugudu n'ibindi.*

## UMWANZURO

Iyi nyandiko ishobora kuzajya ivugururwa nyuma y'igihe gikwiye hagendewe ku byagaragaye mu isuzuma bigomba kwitabwaho bigamije kunoza imikorere myiza y'UWI bigenwe na Minisiteri ifite umuryango mu nshingano.

## VI. IMIGEREKA

### Umugereka 1. IBY'INGENZI BIRANGA UMURYANGO USHOBOYE KANDI UTEKANYE (UUU)

*Igihugu cyacu gifite intego yo kugira Umunyarwanda ushoboye, ufite ubumenyi, ubuzima bwiza, kandi ubayeho neza mu muryango utekanye (NST1).*

Umuryango ushoboye kandi utekanye urangwa n'ibi by'ingenzi bikurikira:

**Mu bukungu**

1. Kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere ubukungu bw'umuryango no kwivana mu bukene
2. Kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari
3. Kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu iterambere ry'ubukungu
4. Kugira rondereza cyangwa ubundi buryo bwo guteka butangiza ibidukikije

**Mu mibereho myiza**

5. Kugira inzu yo kubamo itari mu manegeka kandi ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura, inzu zigenewe amatungo yo mu rugo ku bayafite n'ubwiherero buboneye bufite isuku
6. Kugira isuku ku mubiri, isuku y'aho utuye no ku bikoresho byo mu rugo
7. Kutarangwamo imirire mibi
8. Abana bose bari munsi y'imyaka 6 bagerwaho na serivisi za gahunda mbonezamikurire y'abana bato
9. Abana bose biga kandi bakurikiranwa mu myigire yabo ntibate ishuri
10. Guha abana uburere buboneye, barindwa gusambanywa n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose
11. Kugira ubwishingizi bw'indwara ku bawugize kandi bakivuza ku gihe
12. Kuboneza urubyaro

**Mu miyoborere myiza**

13. Kutarangwamo amakimbirane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina
14. Kurangwa n'indangagaciro z'umuco nyarwanda
15. Kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bagize umuryango
16. Kwirinda ibyaha, ruswa, ibiyobyabwenge no kugira uruhare mu kurinda umutekano w'abaturanyi
17. Kwitabira gahunda zose z'Igihugu.: Umuganda, umugoroba w'ababyeyi (abagore n'abagabo), Itorero ryo ku mudugudu, Inteko z'abaturage n'izindi

***Buri muryango uharanire kuba umuryango ushoboye kandi utekanye ubuziraherezo.***

**Umugereka 2. INGERO Z'IBIGANIRO BYATANGWA MU MUGOROBA W'IMIRYANGO**

| **INKINGI** | **INGERO Z'IBIGANIRO (bishobora kongerwa)** |
|---|---|
| MURI RUSANGE | 1. Ibiranga umuryango ushoboye kandi utekanye |
| | 2. Kwerekana ishusho y'Umudugudu mu birebana n'ibiranga UUU (Baseline) |

| INKINGI | INGERO Z'IBIGANIRO (bishobora kongerwa) |
|---|---|
| | 3. Ibiganiro bireba urubyiruko n'abana (kubabaza ingingo bifuza kuganirizwaho) |
| 1.UBUKUNGU N'ITERAMBERE | 1. Gucunga neza umutungo w'umuryango |
| | 2. Guhanga imirimo/imishinga ibyara inyungu |
| | 3. Umuco wo kuzigama no gukorana n'ibigo by'imari |
| | 4. Kwibumbira mu makoperative |
| | 5. Guhinga no korora kijyambere |
| | 6. Gukumira no kurwanya ibiza no kubungabunga ibidukikije |
| | 7. Kwizigamira igihe kirekire muri ejo heza |
| | 8. Kwizigamira ejo heza |
| | 9. Gukoresha ikoranabuhanga , mu gucana, no mu bindi |
| | 10. Kurengera ibidukikije |
| | 11. Gufata amazi y'imvura |
| IMIBEREHO MYIZA | 1. Kubahana mu muryango |
| | 2. Kunoza imibanire mu muryango |
| | 3. Kuboneza imirire |
| | 4. Kugira isuku mu muryango |
| | 5. Kuboneza urubyaro |
| | 6. Kwipimisha, gukingiza, kubyarira kwa muganga |
| | 7. Kugira ubwishingizi bw'ubuzima |
| | 8. Kugira umuco wo kuremerana |
| | 9. Gushyira abana mu ishuri |
| | 10. Gahunda y'imbonezamikurire y'abana bato |
| | 11. Kwita ku bageze mu za bukuru n'abafite ubumuga |
| | 12. Uruhare rw'ababyeyi bombi mu burere n'uburezi bw'abana |
| | 13. Kwimakaza ibiganiro mu rugo hagati y'ababyeyi ubwabo no hagati y'ababyeyi n'abana |
| | 14. Kurwanya ubuzererezi no guta ishuri ku bana |
| | 15. Gukumira no kurwanya inda ziterwa abangavu |
| IMIYOBORERE MYIZA N'UBUTABERA | 1. Kwitabira gahunda za Leta (Umuganda, Umugoroba w'imiryango, Amatora, inteko z'abaturage, n'ibindi) |
| | 2. Kwimakaza ihame ry'Uburinganire n'ubwuzuzanye mu muryango |
| | 3. Uruhare rw'umuturage mu kurwanya ruswa |
| | 4. Uburenganzira bw'umwana n'uruhare rwe mu gutanga ibitekerezo mu iterambere ry'umuryango |
| | 5. Gutoza abana indangagaciro na kirazira by'umuco nyarwanda |
| | 6. Gukorera ku mihigo y'umuryango (kuba buri wese afite ikayi y'imihigo y'umuryango |
| | 7. Gukumira no kurwanya ihohoterwa rishingiye ku gitsina n'ihohoterwa iryo |

| INKINGI | INGERO Z'IBIGANIRO (bishobora kongerwa) |
|---|---|
| | ariryo ryose |
| | 8. Gukumira no gukemura amakimbirane mu miryango |
| | 9. Kurwanya gusambanya abana |
| | 10. Kurwanya ubuzererezi |
| | 11. Kurwanya ikoreshwa ry'ibiyobyabwenge |
| | 12. Kwandikisha abana mu bitabo by'irangamimerere |
| | 13. Gukangurira imiryango gusezerana mu buryo bwemewe n'amategeko |
| | 14. Kurwanya icuruzwa ry'abantu |
| | 15. Kurwanya imirimo mibi ikoreshwa abana |

**Umugereka 3. IFISHI YIFASHISHWA MU GUKORA RAPORO Y'UMUGOROBA W'IMIRYANGO** *(yuzuzwa mu UWI wa mbere hagaragazwa amakuru fatizo ku UUU (Baseline) na nyuma ya buri mwaka)*

I. Amakuru y'ibanze

Akarere:…………………………………………
Umurenge:……………………………………….
Akagari :…………………………………………
Umudugudu:…………………………………..
Itariki Umugoroba w'Imiryango wabereyeho: …../…./……
Umubare w'abatuye umudugudu bose bagomba kwitabira UWI:……………
Umubare w'abitabiriye: Abagabo: ……….Abagore:……….Urubyiruko:………Bose hamwe:……

**II. Raporo ku makuru ahindura imibereho y'imiryango hakurikijwe ibyakozwe mu mudugudu mu gufasha /guherekeza imiryango kuba Umuryango Ushoboye kandi Utekanye (UUU)**

| **IBYAKOZWE MU UWI** | | | Imiryango yamaze kwifasha/ gufashwa gutera intambwe mu kuva mu bibazo yari ifite |
|---|---|---|---|
| **Mu bukungu** | Igipimo (indicator) | Uko bihagaze (Baseline) UWI ugitangira | Uko bihagaze nyuma y'umwaka |
| | | Ukwezi kwa …… | Mu kwezi kwa … |
| 1. Kugira uruhare mu bikorwa biteza imbere ubukungu bw'umuryango no kwivana mu bukene | Umubare w'imiryango ikeneye ubufasha mu kwivana mu bukene | | |
| | Umubare w'imiryango iyobowe n'abana:…….. | | |
| 2. Kwizigamira no gukorana n'ibigo by'imari | Umubare w'imiryango idakorana n'ibigo by'imari n'umwirondoro wabo (amazina, telefoni …) | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| 3. Kwitabira gukoresha ikoranabuhanga mu iterambere ry'ubukungu | Umubare w'imiryango idakoresha ikoranabuhanga mu:<br>- Itumanaho<br>- Muri momo | | |
| 4. Kugira rondereza cyangwa ubundi buryo bwo guteka butangiza ibidukikije | Umubare w'ingo zidakoresha uburyo bw'ikoranabuhanga mu gucana | | |
| 5. Kugira inzu yo kubamo itari mu manegeka kandi ifite uburyo bwo gufata amazi y'imvura, inzu zigenewe amatungo yo mu rugo ku bayafite n'ubwiherero buboneye bufite isuku | Umubare w'imiryango zidafite aho kuba (homeless) | | |
| | umubare w'imiryango iba mu nzu zimeze nka nyakatsi | | |
| | umubare w'imiryango idafata amazi y'imvura | | |
| | umubare w'imiryango ibana n'amatungo mu nzu | | |
| | Umubare w'imiryango ifite ubwiherero budafite isuku | | |
| 6. Kugira isuku ku mubiri, isuku y'aho utuye no ku bikoresho byo mu rugo | Umubare w'ingo zifite umwanda mu bana, | | |
| | Umubare w'ingo zifite umwanda mu bakuru | | |
| | Umubare w'ingo zifite umwanda mu bikoresho byo mu rugo | | |
| | Umwanda ahakikije urugo (abadafite ikimpoteri cg bakorana na kampani) | | |
| 7. Kutarangwamo imirire mibi | Umubare w'ingo zifite abana bari mu mirire mibi | | |
| | - Umubare w'abana bari mu mutuku | | |
| | - Umubare w'abana bari mu muhondo | | |
| 8. Abana bose bari munsi y'imyaka 6 bagerwaho na | Umubare wa za ECD centres ziri mu mudugudu | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| serivisi za gahunda mbonezamikurire y'abana bato | Umubare wa Home based ECD ziri mu mudugudu | | |
| | Umubare w'abana bari mu kigero cyo guhabwa serivisi za ECD | | |
| | Umubare w'abana badahabwa serivisi za ECD | | |
| 9. Abana bose biga kandi bakurikiranwa mu myigire yabo ntibate ishuri | Umubare w'abana batiga | | |
| | Umubare w'abana bari mu buzererezi | | |
| | Umubare w'abana bakoreshwa imirimo mibi | | |
| 10. Guha abana uburere buboneye, barindwa gusambanywa n'ihohoterwa iryo ari ryo ryose | Umubare w'abana basambanyijwe<br>- Abahungu<br>- abakobwa | | |
| | Umubare w'abangavu batewe inda | | |
| | Umubare w'ababahoteye bafashwe:<br>- Abagore<br>- Abagabo | | |
| | Umubare w'ababahoteye bajyanywe mu butabera:<br>- Abagore<br>- Abagabo | | |
| 11. Kugira ubwishingizi bw'indwara ku bawugize kandi bakivuza ku gihe | Umubare w'imiryango idafite ubwishingizi bw'indwara | | |
| 12. Kuboneza urubyaro | Umubare w'imiryango ifite abana b'indahekana kandi badafite ubushobozi bwo kubarera | | |
| 13. Kutarangwamo amakimbirane n'ihohoterwa rishingiye ku gitsina | Umubare w'imiryango irimo amakimbirane | | |
| | Umubare w'imiryango ibamo ihohoterwa rishingiye ku gitsina | | |
| 14. Kurangwa n'indangagaciro z'umuco | Umubare w'imiryango itarangwamo indangagaciro z'umuco nyarwanda | | |

| | | | |
|---|---|---|---|
| nyarwanda | Umubare w'imiryango ibana idasezeranye mu mategeko | | |
| | Umubare w'imiryango ibana mu buharike/ubushoreke | | |
| 15. Kwimakaza ihame ry'uburinganire n'ubwuzuzanye mu bagize umuryango | Umubare w'imiryango itubahiriza ihame ry'uburinganire mu rugo | | |
| 16. Kwirinda ibyaha, ruswa, ibiyobyabwenge no kugira uruhare mu kurinda umutekano w'abaturanyi | Umubare w'imiryango ikora ibyaha ibyo ari byo byose bihungabanya umutekano mu mudugudu (Bivuge) | | |
| | Umubare w'imiryango ibamo/itanga cg yakira ruswa | | |
| | Umubare w'imiryango ibamo abakoresha ibiyobyabwenge | | |
| | Umubare w'imiryango ititabira gahunda z'umutekano | | |
| 17. Kwitabira gahunda zose z'Igihugu.: Umuganda, umugoroba w'Imiryango (abagore n'abagabo), Itorero ryo ku mudugudu, Inteko z'abaturage n'izindi | Umubare w'imiryango ititabira UWI | | |
| | Umubare w'imiryango ititabira umuganda rusange | | |
| | Umubare w'imiryango ititabira Inteko z'abaturage | | |
| | Umubare w'imiryango ititabira amasibo | | |

**Icyongerwaho**

a) Udushya twakozwe (tuvuge):
b) Imbogamizi
c) Ibyifuzo

## Umugereka 4: IFISHI YA RAPORO YUZUZWA BURI KWEZI NA KOMITE NYOBOZI Y'UMUGOROBA W' IMIRYANGO (UWI)

Akarere: ............................................ Umurenge: ...........................
Akagari: ............................................
Umudugudu: ......................................
Itariki Umugoroba w'Imiryango wabereyeho: ...../.../......
Umubare w'abatuye umudugudu bose bagomba kuwitabira UWI: ...............
Umubare w'Abitabiriye: Abagabo: ...... Abagore: ...... Urubyiruko:........Bose hamwe: ...........

**A. IBYAKOZWE MU MUGOROBA W'IMIRYANGO**

1..........................................................................................................

2..........................................................................................................

3..........................................................................................................

**B. UMUSARURO WAVUYE MU BYAKOZWE (Kugaragaza n'imibare aho bishoboka)**

1..........................................................................................................

2..........................................................................................................

3..........................................................................................................

C. **IBYIFUZO**

1..........................................................................................................

2..........................................................................................................

3..........................................................................................................

**D. IBIZAKORWA UBUTAHA**

1..........................................................................................................

2..........................................................................................................

**Biteguwe na :**

Amazina n'Umukono

.....................................
Umunyamabanga
w'Umugoroba w'Imiryango

**Byemejwe na:**

Amazina n'Umukono

...............................................
Perezida w'Umugoroba w'Imiryango

## Umugereka 5: IFISHI YUZUZWA BURI KWEZI N'UMUKOZI USHINZWE GUKURIKIRANA UWI KURI BURI RWEGO *(Ifishi y'isuzuma)*

**Urwego (Akagari, Umurenge, Akarere): ………………**

**Ukwezi: …………………**

Umubare w'Imidugudu yose: ……………………………..

Imidugudu ikora Umugoroba w'Imiryango : ………………

Umubare w'abantu bose bagomba kwitabira Umugoroba w'Imiryango:

Abagore…….Abagabo…….. Urubyiruko:……….Bose hamwe……………

Umubare w'abantu bitabiriye Umugoroba w'Imiryango:

Abagore…….Abagabo…….. Urubyiruko: ……….Bose hamwe……………

### A. IBY'INGENZI BYAKOZWE MU MUGOROBA W'IMIRYANGO

1………………………………………………………………………………………….......
2………………………………………………………………………………………….......
3………………………………………………………………………………………….......
4………………………………………………………………………………………….......

### B. UMUSARURO WAVUYE MU BYAKOZWE (Kugaragaza n'imibare aho bishoboka)

1………………………………………………………………………………………….......
2………………………………………………………………………………………….......
3………………………………………………………………………………………………

### C. IBIBAZO BYAGARAGAYE MU UWI

1……………………………………………………………………………………..............
2……………………………………………………………………………………..............
3……………………………………………………………………………………..............

### D. INAMA ZATANGWA NGO UWI UKORE NEZA KURUSHAHO

1……………………………………………………………………………………..............
2……………………………………………………………………………………..............
3……………………………………………………………………………………..............

**Biteguwe na:**
**Amazina n'Umukono by'uwakoze isuzuma**
**……………………………………………**
**Itariki**